# ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

## ITANGAZO RY'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None ku wa kane, tariki ya 18 Ukuboza 2025, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Depite MUZANA Alice.

Inama Rusange y'Ihuriro yagiranye ikiganiro na Minisitiri w' Ubuhinzi n'Ubworozi, Dr Ndabamenye Telesphore, kikaba cyibanze kuri 'Politiki n'ingamba z'Igihugu zo kongera umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi: ibyagezweho n'imbogamizi'.

Minisitiri yagaragaje ko Leta y'u Rwanda yashyizeho ingamba zo guteza imbere umwuga w'ubuhinzi n'ubworozi, ku buryo umusaruro uzakomeza kuzamuka mu ngano no mu bwiza. Yagaragaje ko mu gihembwe cya mbere (Nyakanga – Nzeri 2025), umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi wazamutseho 10%, bikaba bishimishije, ariko icyifuzo ari ugukomeza kuwuzamura. Minisitiri yagaragaje kandi ko umubare munini w'abakora umwuga w'ubuhinzi uri mu cyaro kuko ungana na 83.1%, naho mu Mijyi bakaba bangana na 34.2%. Imbaraga nyinshi zikaba zigomba gushyirwa mu guteza imbere ubuhinzi bwo mu cyaro.

Ku birebana n'umusaruro w'ibikomoka ku ubworozi, Minisitiri yavuze ko umusaruro ufatika ugaragara ku mukamo w'amata; ariko umusaruro ukomoka ku bworozi bw' amafi, inyama, amagi, n'ubuki udahagije.

Ku birebana n'imbogamizi zikibangamiye urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi mu Rwanda,Minisitiri yavuze ko ahanini zishingiye ku umusaruro mucye haba mu buhinzi ndetse no mu bworozi. Indi mbogamizi ikomeye ikaba ishingiye ku ihindagurika ry'ibihe.

Ku birebana n'ingamba zihari zo gukomeza guteza imbere urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi mu Rwanda, no kwihaza mu biribwa, hagaragajwe izi zikurikira:

- Kuzamura umusaruro kuri hegitari mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi, hagakoreshwa imbuto z'indobanure n'inyongeramusaruro;
- Gushyira imbaraga mu bushakashatsi mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi, no guhanga ibishya;
- Gukoresha amazi ahagije mu buhinzi, harimo no gukoresha uburyo bwo kuhira imyaka;
- Gufasha abantu kubona amafaranga yo gushora mu buhinzi n'ubworozi;
- Guhunika umusaruro, ukava kuri Toni 43,000 ukagera kuri Toni 200,000;
- Gushora imari mu rwego rw'ubworozi;
- Guhangana n'ihindagurika ry'ibihe;
- Kongera abatekinisiye mu rwego rw'ubuhinzi (ba agoronome) no mu rwego rw'ubworozi (ba veterineri);



Email: info@forumfp.org.rw B.P: 7459 Kigali / Rwanda Website: https://www.forumfp.org.rw/

- Kongera umusaruro w'ibyoherezwa mu mahanga;
- Guhanga akazi mu rwego rw'ubuhinzi;
- N'ibindi.

Mu kungurana ibitekerezo, Inama Rusange yashimye ingamba za Leta zo kongera umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi; yizeza Minisitiri uruhare rw'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo, mu gukomeza guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi mu Rwanda.

Inama Rusange yatanze inama yo kurushaho kubyaza umusaruro ibishanga biri hirya no hino mu Gihugu kugira ngo bitange umusaruro ukwiye.

Inama Rusange yanatanze inama yo kureba uburyo hazajyaho Banki yihariye y'abahinzi n'abarozi, mu rwego rwo kubona ku buryo bworoshye amafaranga akoreshwa mu mishinga y'ubuhinzi n'ubworozi.

Inama Rusange kandi yatanze inama yo kongera ibigega bihunikwamo imyaka hirya no hino mu Turere kuko byafasha mu rwego rwo guhangana n'ikibazo cy'inzara mu gihe ibihe by'ihinga bitagenze neza.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 18/12/2025.

**GISAGARA Théoneste**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**

IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKE
NFPO
B.P.: 7459 KIGALI